ITEGEKO N° 25/2003 RYO KU WA 15/08/2003 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE Y'URWEGO RW'UMUVUNYI J.O. n° idasanzwe yo ku wa 03/09/2003

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho, mu nama yayo yo ku wa 10 Nyakanga 2003;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 90, iya 93, iya 108, iya 182, 195 n'iya 201;

Ishingiye ku itegeko ryo ku wa 23 Gashyantare 1963 rishyiraho Igitabo cy'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku itegeko-teka n°21/77 ryo ku wa 7 Kanama 1977 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE :

UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE ISHYIRWAHO N'IMITERERE

Ingingo ya mbere

Iri tegeko rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, rwitwa "Urwego" mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 2

Icyicaro cy'Urwego kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi mu gihugu, Urwego rubisabye, bikemerwa n'Inama y'Abaminisitiri. Urwego rukorera mu gihugu hose kandi rushobora gushinga amashami yarwo mu bindi bice by'u Rwanda.

Ingingo ya 3

Urwego rurigenga; mu irangiza ry'inshingano zarwo za buri munsi, ntiruhabwa amabwiriza n'urundi rwego. By'umwihariko, rukorana na Perezidansi ya Repubulika.

Ingingo ya 4

Urwego rugizwe n'Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije babiri, ushinzwe gukumira akarengane n'ushinzwe kukarwanya, bagomba kuba ari abanyarwanda bazwiho kuba inyangamugayo, kugira ubushishozi n'ubushobozi bwo kurangiza inshingano zabo.

Kuri buri mwanya w'abagize Urwego, Inama y'Abaminisitiri itanga amazina atatu, Inteko Ishinga Amategeko igatoramo umwe kuri buri mwanya.

Abatowe bashyirwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika. Umuvunyi Mukuru atorerwa imyaka ine, Abavunyi Bungirije bagatorerwa imyaka itatu. Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bashobora kongera gutorwa rimwe gusa.

Ingingo ya 5

Mbere yo gutangira imirimo bashinzwe, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, hari Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga, hakurikijwe indahiro iteganyijwe n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga.

Ingingo ya 6

Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ava ku murimo bitewe n'impamvu zikurikira:

1° igihe yatorewe kirangiye ntiyongere gutorwa;
2° asezeye ku murimo ku bushake bwe;
3° yananiwe umurimo we, yagaragaje ko atagifite umurava cyangwa ubushobozi byashingiweho atorwa;
4° afite uburwayi bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe byemejwe na Komisiyo y'abaganga yemewe na Leta;
5° apfuye.

Iyo bibaye ngombwa, icyemezo cyo kuvana Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ku mirimo ye gifatwa n'Inteko Ishinga Amategeko ibisabwe n'Inama y'Abaminisitiri cyangwa bisabwe na 1/3 cy'abagize Inteko Ishinga Amategeko.

Kwegura ku murimo k'Umuvunyi Mukuru cyangwa Abavunyi Bungirije bigezwa, mu nyandiko, kuri Perezida wa Repubulika. Iyo nta cyo abivuzeho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu, ukwegura kuba kwemewe.

Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije uvuye ku murimo, ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa bitarenze igihe cy'amezi atatu avuyeho. Umusimbuye arangiza igihe uwo asimbuye yari asigaje. Iki gika ntigikurikizwa iyo hasigaye amezi atarenze atandatu kugira ngo igihe cy'usimburwa kirangire.

UMUTWE II : IBYEREKEYE INSHINGANO

Ingingo ya 7

Urwego rukora cyane cyane ibi bikurikira:

1° guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga;
2° gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, mu Nzego z'ubutegetsi bwa Leta n'izigenga;
3° kwakira no gusuzuma, mu rwego rwavuzwe haruguru, ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe yigenga, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera ku giti cyabo, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro;

4° kwakira inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri ya Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Minisitiri w'Intebe n'iy'abandi bagize Guverinoma mbere y'uko batangira imirimo yabo n'iyo bayivuyemo;

5° kugira inama Guverinoma n'izindi nzego z'imirimo bireba mu gushimangira no kunoza politike yazo yo gukumira, kurwanya no guhana akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

6° guhuza mu rwego rw'Igihugu gahunda, ingamba n'ibikorwa by'inzego zishinzwe gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

7° gukangurira abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo muri rusange no guhugura abakozi b'inzego z'imirimo ari mu bigo bya Leta, mu bigo n'imiryango bitagengwa na Leta;

8° gushakashaka no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'ibihano bahawe;

9° kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzego zose, rukoresheje kugaragariza izo nzego bireba aho imikorere n'imikoranire yazo yaba idatunganye, bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko n'inshingano za buri rwego cyangwa n'imigambi rusange ya Leta, cyangwa se ifite ingaruka mbi ku baturage;

10° gukangurira abaturage gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera ku giti cyabo kubaka igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiye ku karengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

11° kugira inama inzego za Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo kugira ngo imikorere y'ubuyobozi irusheho kunogera abaturage;

12° gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko porogaramu na raporo z'ibikorwa byarwo, izindi nzego za Leta zivugwa mu ngingo ya 23 y'iri tegeko zigenerwa kopi.

UMUTWE III: IBYEREKEYE IMIYOBORERE N'IMIKORERE

Ingingo ya 8

Ibyemezo bifatwa n'abagize ubuyobozi bw'Urwego bateranye cyane cyane ni ibi bikurikira:

1° gutanga raporo ku bibangamiye imiyoborere myiza y'igihugu;
2° gutegura, kwemeza no guhindura umushinga w'itegeko ngengamikorere ry'Urwego ;
3° gutegura no kwemeza gahunda z'Urwego ;
4° kwemeza abakozi Urwego rukeneye ;
5° gutegura ingengo y'imari y'Urwego ya buri mwaka, gusuzuma no kwemeza uburyo yakoreshejwe mbere y'uko ishyikirizwa inzego zibigenzura;
6° kwemeza ibirebana n'ibibazo by'akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo byagejejwe ku Rwego;
7° gusuzuma raporo z'Urwego no kuzemeza mbere y'uko zohererezwa abo zigenewe.

Ingingo ya 9

Ibyemezo by'abagize ubuyobozi bw'Urwego bifatwa ku bwumvikane. Bitashoboka, bagatora, bigafatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abatoye.

Ingingo ya 10

Umuvunyi Mukuru ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira :

1° guhuza no kuyobora imirimo y'Urwego mu buryo inshingano zarwo zose zuzuzwa;
2° guhagararira no kuvugira Urwego mu nzego zose z'Igihugu no mu mahanga;
3° gutumira no kuyobora inama z'Urwego;
4° gutanga raporo mu nzegoziteganyijwe n'iri tegeko;
5° kumenyesha ibyemezo abo bigenewe ;
6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe;
7° kwakira imenyekanishamutungo ry'abavugwa mu ngingo ya 7-4° y'iri tegeko.

Ingingo ya 11

Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

1° gutegura amahugurwa ahabwa abaturage kugira ngo bamenyere kugira uruhare mu miyoborere myiza y'igihugu;
2° gutegura ibiganiro bihabwa abakozi ba Leta n'ab'ibigo byayo, ab'ibigo n'imiryango itegamiye kuri Leta, kugira ngo amatwara n'imikorere byabo birusheho kugenda neza;
3° gushyiraho uburyo bwose bwo gukumira no kurandura akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ingingo ya 12

Umuvunyi Wungirije ushinzwe kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

1° gusuzuma ibibazo by'akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano nayo, no kugeza ku Rwego ibikwiye gukorwa kugira ngo ibyo bibazo ibonerwe ibisubizo bikwiye;
2° gukurikirana imenyekanishamutungo ry'abavugwa mu ngingo ya 7-4° y'iri tegeko.

Ingingo ya 13

Itegeko Ngengamikorere ry'Urwego riteganya uko abarugize basimburana iyo umwe adahari cyangwa adashobora gukora imirimo ye.

Ingingo ya 14

Urwego rukorana n'izindi nzego, ntirwivanga mu mikorere ya buri munsi y'izindi nzego. Ntirunafata ibyemezo mu mwanya wazo.

Uru rwego ntirushobora kwivanga mu mikurikiranire y'ibyaha cyangwa mu miburanishirize y'imanza zerekeye ibirego byashyikirijwe inzego z'ubutabera uretse ko rushobora gushyikiriza inkiko cyangwa urwego rw'Ubushinjacyaha ibirego rwagejejweho, izo nzego zikaba zigomba guha urwo Rwego igisubizo.

Ingingo ya 15

Urwego rufite cyane cyane ububasha bukurikira:

1° kwaka ibisobanuro kuri politike ya Guverinoma na gahunda y'imishinga y'inzego za Leta n'iy'ibigo byayo;
2° kwaka ibisobanuro ku byemezo cyangwa ibikorwa bya Leta n'iby'ibigo byayo, iby'ibigo n'imiryango itegamiye kuri Leta, abaturage binubira;
3° kwerekana amategeko abangamiye imikorere myiza y'inzego za Leta cyangwa abaturage;
4° gukora iperereza ku bikorwa by'inzego za Leta, iz'ibigo byayo cyangwa iz'ibigo byigenga abaturage babonamo akarengane ;

Ingingo ya 16

Urwego rugira inama abayobozi n'abandi bakozi ba Leta cyangwa abikorera ku giti cyabo rugamije kurwanya imyitwarire n'imikorere yose ishobora kuba isoko y'akarengane, iya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ingingo ya 17

Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bafite ububasha bwo gukora iperereza ku bikorwa byose byerekeye inshingano z'Urwego. Kubera iyo mpamvu, bafite ububasha bw'ubugenzacyaha. Abandi bakozi b'Urwego bashobora guhabwa ubwo bubasha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Urwego rushobora kwifashisha izindi nzego zaba iza Leta cyangwa izigenga mu iperereza.

Rukora uko rushoboye kugira ngo abarugejejeho ibibazo bamenyeshwe, mu gihe kitarenze amezi atatu, ibisubizo byagenewe. Iyo bidashobotse, bamenyeshwa impamvu ku buryo bw'inyandiko.

Ingingo ya 18

Kubera kudasobanukirwa neza, iyo hari uwagejeje ku Rwego ikibazo cyagombaga kubanza gusuzumwa n'izindi nzego zisanzwe ziteganyijwe, Urwego rwohereza ugitanze muri izo nzego, Agashobora kuzarugarurira icyo kibazo mu gihe zinaniwe kugikemura cyangwa zamurangaranye.

Ingingo ya 19

Urwego rufite ububasha bwo kwaka inzego zose za Leta n'iz'ibigo byayo, iz'ibigo n'imiryango bitegamiye kuri Leta inyandiko, ubuhamya n'ibisobanuro rukeneye mw'iperereza rukora. Rushobora kumva umuntu wese rukamwaka ubuhamya bukenewe muri iryo perereza.

Ibanga ry'inyandiko rwatse ntirishobora kurubuza kuzihabwa. Amabanga yerekeye uburinzi bw'igihugu, umutekano wacyo na politike y'ububanyi n'amahanga atangwa mu buryo Umuvunyi Mukuru cyangwa umusimbura bumvikanyeho n'ubuyobozi bw'inzego bireba.

Ingingo ya 20

Urwego rufite ububasha bwo gusaka no kwifashisha urundi rwego gusaka aho ari ho hose hashobora kuboneka ibimenyetso byerekeye ipereza rukora. Rushobora gufatira cyangwa gutegeka gufatira ibimenyetso bibonetse, hagakorwa inyandiko yabyo n'uburyo bigomba kubikwa cyangwa kurindwa.

Ku byerekeye iyi ngingo, hakurikizwa ibiteganyijwe n'ingingo z'itegeko ryo ku wa 23 Gashyantare 1963 rishyiraho Igitabo cy'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, zerekeye uburyo bwo gusaka mu mazu no gufatira ibintu.

Umuntu wanze guha Urwego ubuhamya, inyandiko, ibisobanuro rwamwatse cyangwa wanze gusakwa no gutanga ibintu bigomba gufatirwa, nta mpamvu yumvikana atanze, uwabeshye Urwego, ahanishwa ibihano biteganyijwe n'Igitabo cy'amategeko ahana.

Ingingo ya 21

Urwego rufite ububasha bwo gusabira ibihano byo mu kazi umukozi wese yaba uwa Leta cyangwa uw'ikigo kigenga warenganyije umuntu, ikigo cyangwa ishyirahamwe ryigenga no kwerekana ibigomba gukorwa kugira ngo abarenganye barenganurwe. Iyo ibyo rwerekanye bidakozwe, umuyobozi wabisabwe agomba kwisobanura; igisobanuro cye kitakwemerwa Urwego rukabikoraho raporo yihutirwa igezwa ku nzego ziteganyijwe n'iri tegeko, igashobora no gutangazwa.

Ingingo ya 22

Urwego rumenyesha, inzego zibishinzwe, akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo bifite ibimenyetso bibyemeza, kugira ngo zibikurikirane. Rufite ububasha bwo kuzibaza icyakozwe kugira ngo abaregwa ibyaha bakurikiranwe n'ibyemezo inzego zifite ububasha zabafatiye kandi bigatanganzwa.

Ingingo ya 23

Mu mezi atatu ya mbere ya buri mwaka, Umuvunyi Mukuru ageza kuri Perezida wa Repubulika no ku Nteko Ishinga Amategeko porogaramu na raporo ikubiyemo ibikorwa by'Urwego by'umwaka uheruka, inagaragaza intambwe yatewe mu gikorwa cyo kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo no guteza imbere imiyoborere myiza.

Kopi y'iyo raporo ihabwa Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga. Abandi bireba bahabwa kopi y'igice cya raporo kiberekeye. Raporo zihariye zihabwa izindi nzego bireba.

Urwego rugomba gutangariza abaturage raporo. Urwego rugatanga izindi raporo igihe cyose bibaye ngombwa.

Abashyikirijwe raporo bose bagira icyo bayikoraho mu gihe kitarenze amezi atatu.

Ingingo ya 24

Ibyo raporo zivuga ko bitagenze neza, zigomba kugaragaza ibimenyetso bibyemeza, inama Urwego rwagiriye inzego zibivugwaho n'icyo izo nama zatanze, rukerekana ingamba zafatwa kugira ngo bikosorwe.

Ingingo ya 25

Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije ntibashobora kuregwa mu Nkiko kubera ibyo batangaje bakurikije inshingano zabo. Mu manza z'inshinjabyaha, bakurikiranwa ku giti cyabo, bakaburanishwa n'Urukiko rw'Ikirenga. Ntibashobora gufungwa by'agateganyo, keretse iyo bafatiwe mu cyuho bakora icyaha giteganyirijwe igihano kirenze imyaka itanu.

Ingingo ya 26

Ibigenerwa abagize Urwego byemezwa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika.

UMUTWE IV: UBUNYAMABANGA BUHORAHO N'INGENGO Y'IMARI Y'URWEGO.

Ingingo ya 27

Urwego rugira Ubunyamabanga buhoraho buyoborwa n'Umunyamabanga Uhoraho. Umunyamabanga Uhoraho n'abandi bakozi batoranywa, bagashyirwaho hakurikijwe itegeko n° 22/2002 ryo ku wa 9/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Imiterere y'inzego n'imyanya y'imirimo bishyirwaho hakurikijwe sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ingingo ya 28

Umunyamabanga Uhoraho ashinzwe ibi bikurikira:

1° kuyobora abakozi b'Ubunyamabanga Buhoraho;
2° gucunga ingengo y'imari n'umutungo by'Urwego;
3° gukusanya amategeko n'andi mabwiriza afitanye isano n'inshingano z'Urwego mu mikorere n'imikoranire yarwo, ya buri munsi, n'izindi nzego;
4° gukusanya no kubika inyandiko zerekeye ibikorwa by'Urwego;
5° gukora ibindi asabwe n'Urwego.

Ingingo ya 29

Amafaranga akoreshwa n'Urwego akomoka ku Ngengo y'Imari ya Leta. Urwego rutegura ingengo y'imari yarwo, igasobanurwa inzego n'urwego rwegamiyeho. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Urwego igenzurwa nk'uko amategeko abiteganya.

Ingingo ya 30

Ingingo z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 31

Iri tegeko ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/08/2003

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
KABERUKA Donald
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta, Amahugurwa, Imyuga Icirirtse n'Umurimo
BUMAYA Habib André
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
MUCYO Jean de Dieu
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
MUCYO Jean de Dieu
(sé)